## Gusarura indabo

**Indabo zifashwe neza zishobora gutangira gusarurwa hashize amezi ane kuzamura zitewe. Zikomeza gutanga umusaruro mwiza kugeza ku myaka ibiri zitewe ubundi zigatangira gusazurwa.Umusaruro uboneka kuri metero kare imwe(10 m x 10 m cyangwa intambwe icumi ku icumi) ungana na uduti tw'indabo kuva 50 kugeza kuduti 200 biterwa n'ubwoko bw'indabo.**

***Imirimo ukorwa nyuma y'isarura***

- **Gutoranya indabo nziza hakurikijwe ingero zikenewe ku masoko uduti tw'indabo tuba dufite 30cm kugera hafi 80cm**
- **Kubika indabo kugira ngo zitangirika. Indabo zibikwa hagati y'ubukonje buri hagati ya $1C^0$ kugeza $5C^0$ mu gihe kiri hagati y'iminsi ibiri n'itatu.**
- **Mu gutwara indabo hakoreshwa ibikoresho bitandukanye birimo ibikozwe mu migwegwe,ibindi mu byatsi bitandukanye (ubu n'uburyo bw'abahinzi batari batera imbere mu gupfunyika umusaruro iyo bashaka kuwugeza mu masoko yo mu gihugu) ndetse hari ni ibikoreaho bikozwe muri za plastic.**







- **Indabo kandi mbere y'uko zigurishwa zishobora gukorwa za bouquets**



